R E P U B U L I K A Y' U R W A N D A

INTEKO NYARWANDA Y'URURIMI N'UMUCO
(RALC)

B.P. 5796 KIGALI - RWANDA
E-mail: info@ralc.gov.rw
Website: www.ralc.gov.rw

AMATEGEKO Y'IGENANTEGO RY'IKINYARWANDA

Kigali, 2017

Umwanditsi:
Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco
Rwanda Academy of Language and Culture
Académie Rwandaise de Langue et de Culture
Agasanduku k'Iposita : 5796 Kigali, Rwanda
Imeri : info@ralc.gov.rw
Urubuga : www.ralc.gov.rw

© 2015 Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco (RALC)
Agasanduku k'Iposita : 5796 Kigali, Rwanda.

Uburenganzira bwose burashinganye. Nta gice na kimwe k'iki gitabo gishobora kwiganwa, gufotorwa, kubikwa ku kintu icyo ari cyo cyose cyangwa gutangwa nta ruhushya rwanditse rw'Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco.

Irangwa ry'igitabo :

Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco 2017.
Amategeko y'igenantego ry'Ikinyarwanda
Kigali: RALC

ISBN 978-99977-700-0-9

Icapwa rya mbere 2017

IBIRIMO

Iriburiro 2

Ibisobanuro by'ibimenyetso n'impine byakoreshejwe 4

1. Amategeko y'igenantego yerekeye inyajwi 5

1.1. Iburizwamo/itakara ry'inyajwi. 5

1.2. Kwiyunga kw'inyajwi. 5

1.3. Ishushisha ry'inyajwi. 5

2. Amategeko y'igenantego yerekeye inyerera. 6

2.1. Ivuka ry'inyerera. 6

2.2. Iburizwamo n'iyungana ry'inyerera. 7

2.3. Igurana ry'imyanya y'inyerera. 8

2.4. Iyungana ry'ingombajwi *n* n'inyerera *y* itangira ibicumbi by'amazina yo mu nteko ya 9 ari mu bwinshi mu nteko ya 10. 8

3. Amategeko y'igenantego yerekeye ingombajwi. 8

3.1. Iburizwamo ry'inyamazuru. 8

3.2. Ishushisha ry'inkubyi 9

3.3. Ishushisha ry'inyamazuru. 9

3.4. Ishushisha ry'ingombajwi b inyuma y'ingombajwi n. 10

3.5. Ihinduka ry'ingombajwi r ikurikiye n. 11

3.6. Izimira ry'inturike hagati y'inyamazuru n'inkubyi. 11

3.7. Itanisha ry'ingombajwi. 11

3.8. Ukwiyunga kw'ingombajwi n'inyerera y bibyara ingombajwi ishyizwe mu rusenge rw'akanwa rw'imbere. 12

3.9. Kwiyunga kw'ingombajwi n'inyerera y. 12

Ibitabo byifashishijwe 15

AMATEGEKO Y'IGENANTEGO RY'IKINYARWANDA

Iriburiro

Igenantego ni ubumenyi bw'iyigandimi bwiga imihindukire y'amajwi mu ihura ry'uturemajambo. Uko guhura k'uturemajambo gutuma havuka amajwi mashya atandukanye n'ateganywa mu ihura ry'uturemajambo, yubahiriza imivugirwe y'ururimi.

Igenantego rero rigaragaza amategeko asobanura ihinduka, ivuka ry'amajwi atari ateganyijwe, itakara ry'amajwi atari ngombwa mu ihura ry'uturemajambo. Ayo mategeko ni yo yitwa "amategeko y'igenantego", akaba kimwe mu bice biba bigize ikibonezamvugo cy'ururimi.

Nk'uko amajwi y'Ikinyarwanda ari ukubiri; amajwi nteme n'amajwi saku, ni nako habaho amategeko y'igenantego nteme agenga ihura ry'inyajwi, ingombajwi n'inyerera; n'ay'igenantego saku agenga imihindukire, imyimukire, imitakarire cyangwa imituranire y'amasaku.

Iyi nyandiko igamije kugaragaza amategeko y'igenantego nteme agenga iyungana, ihinduka, ishushisha, itakara, inyereza, ihinduranya ry'imyanya, izimira by'inyajwi, ingombajwi n'inyerera. Amategeko y'igenantego nteme, ni yo akenerwa cyane n'abiga Ikinyarwanda mu kiciro cy'amashuri abanza n'ayisumbuye bifashisha inyandiko isanzwe, idakenera kugaragaza amasaku. Iyi nyandiko ikubiyemo amategeko y'igenantego ry'Ikinyarwanda asanzwe akoreshwa n'andi atari yaragaragajwe mu bitabo by'iyigandimi ry'Ikinyarwanda.

Iyo uturemajambo duhuye rimwe na rimwe amwe mu majwi atugize ahinduka andi, andi agatakara, ugasanga ijambo rivuyemo ritandukanye cyane n'iryari risanzwe hataragaragazwa intego y'iryo jambo. Amategeko y'igenantego rero aziba icyo cyuho, agasobanura impinduka zidasanzwe mu ijambo.

Ibi bikanagaragaza ko kwandika Ikinyarwanda uhereye ku iyigantego gusa bidashoboka, kuko ibyagerwaho bitavugika mu rusobe rw'amajwi shingiro y'Ikinyarwanda, bigashimangira akamaro k'imyandikire ishingiye ku iyigamvugo.

Amategeko y'igenantego yerekana ko iyigantego ritashingirwaho imyandikire inoze, kuko rikenera amategeko yo ku rwego rw'iyigamvugo afasha kugarura ibintu ku murongo iyo ikurikirana ry'uturemajambo ribyaye amajwi atabaho mu Kinyarwanda.

Bityo iyi nyandiko izafasha abiga Ikinyarwanda kurushaho gusobanukirwa amabwiriza y'imyandikire yacyo, kuko imyandikire y'Ikinyarwanda ishingiye ahanini ku iyigamvugo.

Amategeko y'igenantego nteme ry'Ikinyarwanda yashyizwe mu matsinda atatu y'ingenzi: agenga inyajwi, ayerekeye inyerera n'ayerekeye ingombajwi shingiro.

Buri tsinda na ryo rigiye rigabanyijemo ibindi byiciro hakurikijwe ikiba ku majwi: itakara, ihinduka, iyungana, ishushisha n'ibindi. Kuri buri tegeko hatanzwe ingero z'interuro zirimo amagambo iryo tegeko rigaragaramo. Ayo magambo yashyizwe mu nyuguti zitose kugira ngo byorohere umuntu guhita amenya ijambo rirebwa n'itegeko mu agize interuro iryo ari ryo.

Ku byerekeye imyandikire y'amategeko, aho bishoboka hose iyi nyandiko yakoresheje uburyo bw'amahinategeko kuko ari bwo bumenyerewe mu myigishirize y'Ikinyarwanda, bunakoreshwa mu bitabo byinshi by'ikibonezamvugo k'Ikinyarwanda mu mashuri abanza, ayisumbuye, amakuru na kaminuza. Ubwo buryo bwifashisha impine n'ibimenyetso mu kugaragaza amategeko. Muri iyi nyandiko ntihibanzwe ku kugaragaza ubutinde n'amasaku kuko ibyiciro byibanzweho ni iby'amashuri abanza n'ayisumbuye, bityo rero bose nta bwisanzure bayigiraho haramutse hagaragajwe ubutinde n'amasaku.

Ibisobanuro by'ibimenyetso n'impine byakoreshejwe

1. → (akambi): ihinduka, bihinduka, bibyara
2. **Ø** (ubusa): iburizwamo/izimira ry'ijwi; ibura ry'akaremajambo gasanzwe gateganywa muri uwo mwanya
3. **+:** ukwiyunga kw'inyajwi cyangwa kw' ingombajwi
4. a→ø/-J: **a** iburizwamo imbere y'inyajwi
5. a+i→e: **a** yiyunze na **i** bibyara **e**
6. i→e/C$^{o/e}$-: **i** ihinduka **e** inyuma y'igicumbi kirimo **o** cyangwa **e**
7. i→e/Z$^{o/e}$-: **i** ihinduka **e** inyuma y'umuzi urimo **o** cyangwa **e**
8. a→y/-J: **a** ihinduka **y** imbere y'inyajwi
9. /-…: imbere ya…
10. /… -: inyuma ya…
11. /: iyo
12. … - … : hagati ya
13. umg: umugani
14. imy.:imyandikire
15. GR: ingombajwi y'indagi
16. C: igicumbi
17. Z: umuzi
18. J: inyajwi
19. C^{o}/^{e}: igicumbi kirimo **o** cyangwa **e**

1. Amategeko y'igenantego yerekeye inyajwi

1.1. Iburizwamo/itakara ry'inyajwi.

1.1.1 a → ø/-J : Inyajwi **a** iburizwamo imbere y'indi nyajwi.

Abo bana ni beza: a-ba-o----->abo
Agacana **akuka** igitoki: a- ka-uk-a ----->akuka
Abiru bari abanyamabanga b'ibwami: a-ba- iru----->abiru
Habaye inama y'abahinzi n'**aborozi**: a- ba-oror-yi----->aborozi

1.1.2. i → ø/-J: Inyajwi **i** iburizwamo imbere y'indi nyajwi.

Nareke kugenda burije: ni-a- ø -rek-e
Ingo **barazubaka** zigakomera: ba-ra- zi- ubak-a
Ntazanshake sinzaba mpari uwo munsi: nti-a-za-n-shak-e ---> ntazanshake

1.1.3. u → ø/-J: Inyajwi **u** iburizwamo imbere y'indi nyajwi.

Abo bana **bapfana** iki ?: ba-ø-pfu-an-a -----> bapfana
Mvire ruhande rimwe: n-ø-vu-ir-e ----> mvire

1.2. Kwiyunga kw'inyajwi.

1.2.1 a+i→e: Inyajwi **a** yiyunga n'inyajwi **i** bikabyara inyajwi **e.**

Yavomye amazi **menshi**: ma-inshi -----> menshi
Abana **beza**: ba-iza ---------> beza
Agatinze kazaza ni **amenyo** ya ruguru (umg): a-ma-inyo----->amenyo
Sinateshwa kwiga n'uburangare: si-n-a-ta-ish-w-a----->sinateshwa

1.2.3. a+u→o: Inyajwi **a** yiyunga n'inyajwi **u** bikabyara inyajwi **o.**

Si byiza **gutoragura** ibyo ubonye byose: ku-ø-ta-ur-ag-ur-a ----> gu-ø-ta-ur-ag-ur-a (k→g/-GR) ----> gutoragura
Nsize **batoye** agatotsi: ba-ø-ta-ur-ye ----> batoye

1.3. Ishushisha ry'inyajwi.

1.3.1. i→e/C^{o-}; i→e/Z^{o-} : Inyajwi **i** ihinduka inyajwi **e** iyo ikurikiye igicumbi cyangwa umuzi birimo inyajwi **o.**

Baramutonesheje: ba-ra-mu-ton-ish-ir-y-ye ----> baramutonesheje
Ibyo wanditse **ntibisomeka**: nti-bi- ø-som-ik-a ---- > ntibisomeka
Iyi nzoga **nimutayikomera** ntituyinywa: ni-mu-ta-ø-yi-kom-ir-a ---- > nimutayikomera.

1.3.2. i→e/C^{e-}; i→e/Z^{e-}: Inyajwi **i** ihinduka inyajwi **e** iyo ikurikiye igicumbi cyangwa umuzi birimo inyajwi **e.**

Akarimi kabi **gasemera** agasaya (umg): ka-ø-sem-ir-a ---- > ka-ø-sem-er-a ---- > gasemera
Kugenera: ku-ø-gen-ir-a ----> kugenera
Imimerere: i-mi-mer-ir-e ---->imimerere
Kurekera: ku-ø-rek-ir-a ----> kurekera

1.3.3. u→o/C^{o-}; u→o/Z^{o-}: Inyajwi **u** ihinduka inyajwi **o** iyo ikurikiye igicumbi cyangwa umuzi birimo inyajwi **o.**

Ni we **wandotoreye** izo nzozi: u-a-n-rot-ur-ir-ye ----> wandotoreye
Uyu ni ge **wamurogoye**: u-a-mu-rog-ur-ye ----> wamurogoye
Akazuba karavuye none ntangiye **gukonjoroka**: ku- ø-konj-ur-uk-a -----> gukonjoroka

2. Amategeko y'igenantego yerekeye inyerera.

2.1. Ivuka ry'inyerera.

2.1.1. a→ *y*/- J: Inyajwi **a** ihinduka inyerera **y** imbere y'inyajwi.

Umutindi **yita** inka indagizo (umug): a- ø-it-a -----> yita
Ya masaka yose **yasewe**: a-a-se-w-ye -----> yasewe
Yamubonye ahita aseka: a-a-mu-bon-ye -----> yamubonye
Amanota **ya** Karigirwa ni meza: a-a: ----->ya

2.1.2. i → *y*/-J: Inyajwi **i** ihinduka inyerera **y** imbere y'inyajwi.

Iyi misozi **yera** ibirayi: i- ø-er-a ----> yera
Ndashaka **ibyibo** umunani: i-bi-ibo ----> ibyibo
Kuryagagura si byiza: ku- ø-ri-ag-ag-ur-a -----> kuryagagura

2.1.3. e→ *y*/-J: Inyajwi **e** ihinduka inyerera **y** imbere y'inyajwi.

Akaje mu buro **barasya** (umg): ba-ra-se-a -----> barasya
Ba uryamye **ntiburacya**: nti-bu-ra-ke-a ---->nti-bu-ra-ky-a---> ntiburacya (Imy.)

2.1.4. u→w/-J: Inyajwi **u** ihinduka inyerera **w** imbere y'inyajwi.

Ukwezi ni ugutaha: u-ku-ezi ---- > ukwezi
Usanze **rwubitse** agira ngo ntirwaseye (umg): ru-ø-ub-ik-ye ---- > rwubitse
Menya **umwuga** bizagukiza: u-mu-uga ----> umwuga
Urugo rw'inkuba **rwisigaraho** (umg): ru-ø-ii-sig-ar-a(ho) -----> rwisigaraho

2.1.5. o→w/-J: Inyajwi **o** ihinduka inyerera **w** imbere y'inyajwi.

Uwo munsi **arakwa** aranatebutsa: a-ra-ko-a ----- > a-ra-kw-a ----- > arakwa.

Agasaza **kamwera** akandi **kuzakamwa** (umg): ka-ø-mo-ir-a ---- > ku-za-ka-mo-a ----> ku-za-ka-mw-a ----> kuzakamwa.

2.2. Iburizwamo n'iyungana ry'inyerera.

2.2.1. y→ ø/- y: inyerera **y** iburizwamo iyo ikurikiwe na **y**.
Ingayi igaya icyo ibonye (umg): i-n-gay-yi ---- > ingayi
Uyu mwenda **waracuye** : u-a-ra-cuy-ye ----> waracuye.
Yaratugaye: a-a-ra-tu-gay-ye: ----> yaratugaye

2.2.2. y→ø /-w: inyerera **y** iburizwamo iyo ikurikiwe na **w.**
Nimukora nabi **muragawa**: mu-ra-gay-w-a ---- > muragawa

2.2.3. y→ ø/k-i: inyerera **y** iburizwamo iyo iri hagati **k** na **i.**

Yampaye **ikibo k'i**bishyimbo: i-ki-ibo ----> i-ky-ibo ---> ikibo ki-a-ibishyimbo ---> ky-a-ibishyimbo----> ky-ø-ibishyimbo ----> kyibishyimbo ----> kibishyimbo ----> k'ibishyimbo
Tubwire **ikivugo** cyawe: i-ki-ii-vug-o ---> i-ky-ivug-o ----> ikivugo

2.2.4. y→ ø/k-e: inyerera **y** iburizwamoiyo iri hagati **k** na **e.**

Nitugira **ikerekezo** kimwe tuzatera imbere: i-ki-erek-ir-y-o----->i-ky-erek-ir-y-o ---->ikerekezo
Ikemezo ke kirakomeye: i-ki-emer-y-o---->i-ky-emer-yo---->ikemezo, ki-e---->ky-e---->ke

2.2.5. y→ **ø/g-e:** inyerera **y** iburizwamo iyo iri hagati ya **g** na **e.**

Ge ndagiye wowe usigare uganiriza umushyitsi: gi-e--->gy-e--->ge
Reka **nge** kumusura yararwaye: n-ø-gi-e--->n- ø-gy-e--->nge

2.2.6. w→ ø/k-u: inyerera **w** iburizwamo hagati ya **k** na **u.**

Kubaka ni ukugereka ibuye ku rindi: ku- ø-ubak-a--->kwu- ø- ubak-a--->kubaka
Nta kiza nko **kungurana** inama: ku- ø- ung-ur-an-a--->kwu- ø- ung-ur-an-a --->kungurana

2.2.7. w→ ø/k-o: inyerera **y** iburizwamo gahati ya **k** na **o.**

Kwanga **koga** ni bibi: ku- ø-og-a--->kwo- ø-og-a--->koga
Azi **kogeza** umupira: ku-ø-og-ir-y-a--->kw- ø-og-ir-y-a--->kogeza

2.2.8. w+y→w: iyo inyerera **w** yiyunze n'inyerera **y** bibyara inyerera **w.**

Yakowe inyana nziza cyane: a-a-ko-w-ye ----> yakowe
Barafitwe: ba-ra-fit-w-ye ----> barafitwe

2.3. Igurana ry'imyanya y'inyerera.

w-y→y-w: Itandukana ry'umusozo

Bino biryo **byatetswe**: bi-a-tek- w-ye ----> by-a- tek-w-y…e ---> by-a-tek-y-w-e (w-y→y-w) ----> byatetswe (k+y→ts)

Bano bana **batutswe**: ba-a-tuk-w-ye----> ba-a- tuk-w-y…e ---> ba-a-tuk-y-w-e (w-y→y-w) ----> batutswe (k+y→ts)

Ya myenda **yaraguzwe**?: a-a-ra-gur-w-ye---->ya-ra-gur-y-w-e ----> yaraguzwe

2.4. Iyungana ry'ingombajwi *n* n'inyerera *y* itangira ibicumbi by'amazina yo mu nteko ya 9 ari mu bwinshi mu nteko ya 10.

2.4.1. n+y→nz: iyo ingombajwi **n** yiyunze n'inyerera **y** bibyara **nz.**

Inzira imarwa no kuganira: i-n-yira -----> inzira
Inzoga uyikura mu kibindi ikagukura mu bagabo: i-n-yoga ---> inzoga
Inzara z'intoki irashira igihemu ntigishira: i-n-yara -----> inzara

Impugukirwa: Hari ibicumbi bifata z mu nteko ya 9 n'ibyo mu nteko ya 11 bigira ubwinshi mu nteko 10 bitangirwa n'inyajwi, kimwe n'igicumbi cya ntera -iza.
inzugi: i-n-ugi---->i-n-zugi---->inzugi
inzabya: i-n-abya ----> i-n-zabya ----> inzabya
inka **nziza**: n-iza ----> n-ziza ----> nziza
inzara: i-n-ara ----> i-n-zara ---->inzara

3. Amategeko y'igenantego yerekeye ingombajwi.

3.1. Iburizwamo ry'inyamazuru.

3.1.1. n→ø/-m: ingombajwi **n** iburizwamo imbere y'ingombajwi **m.**

Imana: i-n-mana -----> imana
Imena: i-n-mena -----> imena
Maze kumuramutsa ndataha: n-ø-mar-ye -----> maze
Naza **aramara** irungu: a-ra-n-mar-a ----> aramara

3.1.2. n→ ø/-n: ingombajwi **n** iburizwamo imbere y'ingombajwi **n.**

Inuma: i-n-numa----->inuma
Usye ifu y'**inono:** i-n-nono----->inono

3.1.3. n→ø/-ny: ingombajwi **n** iburizwamo imbere ya **ny.**

Yaguze **inyanya** nyinshi: i-n-nyanya ----> inyanya
Si byiza kurira **inyama** gutukura: i-n-nyama -----> inyama
Inyamaswa nkenzi ntiyishwe n'umututizi (umg): i-n-nyamaswa -----> inyamaswa
Inyana ntiyoberwa nyina mu mwijima (umg): i-n-nyana -----> inyana
Imvura **iranyagiye**: i-ra-n-nyagir-ye -----> iranyagiye

3.1.4. n→ø/-nny: ingombajwi **n** iburizwamo imbere ya **nny.**

Bahoze **bannyega**: ba-ø-n-nnyeg-a -----> bannyega
Barannyuzuye: ba-a-ra-n-nnyuzur-ye ----> barannyuzuye

3.2. Ishushisha ry'inkubyi

3.2.1. z→j/-sh: ingombajwi **z** ihinduka ingombajwi **j** imbere ya **sh**.

Ndashaka **kubajisha** akabati: ku-ø-baz-ish-a----> kubajisha

Akunda **kwishonjesha**: ku-ø-ii-sonz-ish-a---> kwisonzesha (z→j/-sh) ----> kwisonjesha (s→sh/-j)----> kwishonjesha.

3.2.2. s→sh/-j: ingombajwi **s** ihinduka **sh** iyo ibanjirije **j**.

Sinakwambara umwenda **ushaje**: u-ø-saz-ye ------> usaje (s→sh/-j) ----> ushaje
Shobuja: so-buja ----> shobuja

3.2.3. s→sh/-sh: ingombajwi **s** ihinduka **sh** iyo ibanjirije **sh.**

Gushesha: ku- ø -se-sh-a ----> gushesha (s→sh/-sh)
Kera **bamesheshaga** amagonde: ba-a-mes-ish-aga ---> ba-mesh-esh-aga ----> bamesheshaga

3.3. Ishushisha ry'inyamazuru.

3.3.1. n→m/-f: ingombajwi **n** ihinduka ingombajwi **m** iyo iri imbere ya **f.**

Mpa **imfunguzo** zange: i-n-fung-ur-y-o----> imfunguzo

3.3.2. n→m/- p: ingombajwi **n** ihinduka ingombajwi **m** iyo iri imbere ya **p.**

Impapuro zashize: i-n-papuro ----> impapuro
Indwara y'**impyiko** irababaza: i-n-pyiko ----> impyiko

3.3.3. n→m/-b: ingombajwi **n** ihinduka ingombajwi **m** iyo iri imbere ya **b.**

Imboni: i-n-bon-i ----> imboni
Imbeba: i-n-beba ----> imbeba

3.3.4. n→m/-h: ingombajwi **n** ihinduka ingombajwi **m** iyo iri imbere ya **h.**

Tugushimiye **impanuro** uduhaye: i-n-han-ur-o ----> i-m-panur-o (imy.)
Barampemba: ba-ra-n-hemb-a ----> barampemba (Imy.)
Impumuro: i-n-humur-o ----> impumuro (Imy.)
Impuha: i-n-huh-a ----> impuha (Imy.)

Impugukirwa: Iyo ingombajwi **m** ikurikiwe n'ingombajwi **h** bihinduka **mp** mu myandikire.

3.3.5. n→m/-v: ingombajwi **n** ihinduka ingombajwi **m** iyo iri imbere ya **v.**

Imvura irahise: i-n-vura ----> imvura
Imvune ye irakomeye: i-n-vun-e ----> imvune
Imvuzo: i-n-vur-y-o ----> imvuzo

3.3.6. n→ny/-J: ingombajwi **n** ihinduka ingombajwi **ny** iyo iri imbere y'inyajwi.

Inyabizi ibyara ingongerezi (umg): i-n-abir-yi ----> inyabizi
Uyu munsi **muranyaka** iki?: mu-ra-n-ak-a ---> muranyaka
Inyibano: i-n-ib-an-o ----> inyibano
Inyinshi: i-n-inshi ----> inyinshi
Nyibutsa izina ryawe: n-ø-ibuk-y-a ----> nyibutsa

3.3.7. n→ny/-wu: ingombajwi **n** ihinduka **ny** iyo iri imbere ya **wu** y'indangacyuzuzo yo mu nteko ya 3.
Umuheto wange **nywukundira** ubwiza: n-ø-wu-kund-ir-a ----> nywukundira.
Wunyereke **nywuhinge**: n-ø-wu-hing-e ----> nywuhinge
Umuceri ureze ngo **nywusarure**: n-ø-wu-sarur-e ---> nywusarure.
Uwo mupira wumpereze **nywambare** harakonje: n-ø-wu-ambar-e ------> nywambare.

3.4. Ishushisha ry'ingombajwi b inyuma y'ingombajwi n.

3.4.1. b→m/n-: ingombajwi **b** idasanzwe ihinduka ingomajwi **m** inyuma ya **n**.

Imanza zaciwe ni nyinshi: i-n-banza --------> i-n-manza (n→ $\emptyset/__m$)-----> imanza.

3.5. Ihinduka ry'ingombajwi r ikurikiye n.

r→ d/n-: ingombajwi **r** ihinduka **d** inyuma y'ingombajwi **n**.
Ndabyemeye nzaza: n-ra-bi-emer-ye----> ndabyemeye
Yaguze **indabo** nyinshi: i-n-rabo ----> indabo
Induru: i-n -ruru----> induru

3.6. Izimira ry'inturike hagati y'inyamazuru n'inkubyi.

3.6.1. t→ø/n-s: ingombajwi **t** iburizwamo hagati ya **n** na **s.**
Insina ngufi ni yo icibwaho urukoma (umg): i-n-tsina----> insina
Insindirano ironka ntitsimba (umg): i-n-tsind-ir-an-o ---> insindirano
Uwo **insibo** ihiriye arabumba zikagurwa (umg): i-n-tsibo ----> insibo

3.6.2. c→sh/n- : injombajwi **c** ihinduka **sh** inyuma ya **n.**
Inshike ntirya **inshikira** (umg): i-n-cik-e----> inshike; i-n-cik-ir-a ----> inshikira
Inshuti uyibona mu byago (umg): i-n-cuti -----> inshuti
Inshabiti imennye umuhini isubira nyirayo (umg): i-n-ci-a-ø-bi-ti ----> inshabiti.

3.6.3. p→ø/m-f: ingombajwi **p**iburizwamo hagati ya **f** na **m**.
Imfizi ibyara uko ibyagiye (umg): i-n-pfizi---> i-m-pfizi -----> imfizi
Imfubyi y'inkenguzi yirinda icyo indi yakubitiwe (umg): i-n-pfubyi ---> i-m-pfubyi-----> imfubyi.
Imfusha yaruse ingumba (umg): i-n-pfu-sh-a-----> i-m-pfusha----> imfusha
Imfundiko zange zarabyimbye: i-n-pfund-ik-o -------> i-m-pfund-ik-o ----> imfundiko
Imfura nzima isubiza nka se: i-n-pfura ---->i-m-pfura----> imfura

3.7. Itanisha ry'ingombajwi.

3.7.1. k→g/-GR: ingombajwi **k** ihinduka ingombajwi **g** imbere y'ingombajwi y'indagi
Igikoresho kigomba gufatwa neza: i-ki-kor-ish-o ----> i**gi**koresho.
Agati gaciye ntikabura izuba (umg): a-ka-ti ----> agati
Agasozi kamanutse inka kazamuka indi (umg): a-ka-sozi ----> agasozi
Guha inda ni ukuyirariza (umg): ku-ø-ha-a -----> guha
Gukeka ni ko kubeshya (umg): ku-ø-kek-a ----> gukeka
Kuva aho narwariye nta cyo **ngikora**: n-ki-kor-a ----- > ngikora

3.7.2. t→d/-GR: ingombajwi **t** ihinduka ingombajwi **d** imbere y'ingombajwi y'indagi.
Nimudakora neza ntimuzahembwa: ni-mu-ta-ø-kor-a ----> nimudakora
Utwo dukwavu **uduhoye** iki?: u-ø-tu-hor-ye ---- > uduhoye
Ge ndasanga **mufudika**:mu-ø-fut-ik-a ---- > mufudika

3.8. Ukwiyunga kw'ingombajwi n'inyerera y bibyara ingombajwi ishyizwe mu rusenge rw'akanwa rw'imbere.

3.8.1. h +y→shy: ingombajwi **h** yiyunga n'inyerera **y** bikabyara **shy.**

Yantwaje ibyo **nahashye**: n-a-hah-ye ----> nahashye
Yaboshye umupira mwiza: a-a-boh-ye -----> yaboshye
Umuhashyi ntiyugama izuba (umg): u-mu-hah-yi ----> umuhashyi
Iwacu **baragutashya** : ba-ra-ku-tah-y-a ---- > baragutashya

3.8.2. n+y→nny: ingombajwi **n** yiyunga n'inyerera **y** bikabyara **nny**

Umukinnyi mwiza ntasiba imyitozo: u-mu-kin-yi ----> umukinnyi
Iyi myenda muyihe **umukannyi** w'umuhanga: u-mu-kan-yi----> umukannyi
Yaragonnye: a-a-ra-gon-ye ----> yaragonnye.

3.9. Kwiyunga kw'ingombajwi n'inyerera y.

3.9.1. d+y→z: ingombajwi **d** yiyunga na **y** bikabyara **z.**

Uyu **mudozi** ni umuhanga: u-mu-dod-yi ----> umudozi
Ingenzi ibona byinshi: i-n-gend-yi ------> ingenzi
Yahonze ubwatsi bwo kuboha: a-a-hond-ye ------> yahonze

3.9.2. g+y→z: ingombajwi **g** yiyunga na **y** bikabyara **z.**

Byaragaze: bi-a-ra-gag-ye ----> byaragaze
Twarahize: tu-a-ra hig-ye ----> twarahize
Barawuhinze: ba-ra-wu-hing-ye ----> barawuhinze
Guhazwa : ku-ø-hag-y-w-a ----> guhazwa

3.9.3. r+y→y: ingombajwi **r** yiyunga n'inyerera **y** bikabyara inyerera **y.**
Abakunzi **barakuririye**: ba-a-ra-ku-rir-ir-ye ---- > barakuririye
Mvuye gusura **abarwayi**: a-ba-rwar-yi ---- > umurwayi
Ukuri **kuragaragaye**: ku-ra-garagar-ye ----> kuragaragaye
Iyo myaniko **wayikorakoye**: u-a-yi-korakor-ye ----- > wayikorakoye
Yaraye mu icumbi: a-a-rar-ye ----> yaraye

3.9.4. r+y→z: ingombajwi **r** yiyunga n'inyerera **y** bikabya **z**.

Mwarakoze: mu-a-ra-kor-ye ----> mwarakoze
Iyi nyamaswa ni **inkazi**: i-n-kar-yi ----> inkazi
Uyu mubyeyi ni we **wandeze**: u-a-n-rer-ye ----> wandeze
Yatubereye **umuhuza**: u-mu-hur-y-a ----> umuhuza

3.9.5. r+y→j: ingombajwi **r** yiyunga n'inyerera **y** bikabya **j.**
Bwarije turataha: bu-a-ra-ir-ye-----> bwarije
Ishorejwe: i-ø-shorer-w-ye---> i-ø-shorer-w-y…e ---> i-ø-shorer-y-w…e ---> ishorejwe.

3.9.6. s+y→sh: ingombajwi **s** yiyunga n'inyerera **y** bikabyara **sh**.
Mwarameshe: mu-a-ra-mes-ye ----> mwarameshe
Mwarashashe: mu-a-ra-sas-ye ----> warashashe (Ishushisha)
Bamurashe: ba-a-mu-ras-ye ----> bamurashe

3.9.7. k+y→ts: ingombajwi **k** yiyunga n'inyerera **y** bikabyara **ts.**
Uyu **mutetsi** aryoshya ibiryo: ø-mu-tek-yi -------> mutetsi
Za nka **zaratetse**: zi-a-ra-tek-ye ----> zaratetse
Naramushatse ndamubura: n-a-ra- mu-shak-ye ---->naramushatse

3.9.8. k+y→s: ingombajwi **k** yiyunga n'inyerera **y** bikabyara **s.**
Tukiri abana **twaronse**: tu- a-ra-onk-ye ---->twaronse

3.9.9. c+y→c: ingombajwi **c** yiyunga n'inyerera **y** bikabyara **c.**
Twarabicoce: tu- a-ra- bi- coc-ye ---->twarabicoce

3.9.10. t+y→ *s*: ingombajwi t yiyunga ninyerera y bikabyara s
Uyu mwana ni **umutesi** : u-mu-tet-yi----------> umutesi
Ko ubaza ibibazo byinshi nk'**umutasi** ?: u-mu-tat- yi ----> umutasi
Arabwira **abahisi** n'abagenzi: a-ba-hit-yi -----> abahisi
Ibyo bijumba **byarahaswe**: bi-a-ra-hat-w-ye ----> by-a-ra-hat-w-y…e ----> bya-ra-hat-y-w-e ----> byarahaswe
Impugukirwa: ku muzi -fat- (gufata) iri tegeko rigira impindurantego iteye itya: **t+y→sh**

Wa mujura **baramufashe**: ba-a-ra-mu-fat-ye ----> baramufashe
Igifashi: i-ki-fat-yi ----> igifashi

3.9.11. z+y→ *j*: ingombajwi **z** yiyunga n'inyerera **y** bikabyara **j**
Umubaji w'imitima ntiyayiringanije (umg): u-mu- baz-yi ----> umubaji
Ntunsige **ndaje**: n-ra-:z-ye ----> ndaje
Iyi modoka **irashaje** : i-ra-saz-ye ----> irashaje (Ishushisha)
Mbonye umwami **uganje** : u-ø-ganz-ye -----> uganje

3.9.12. c+y→sh: ingombajwi **c** yiyunga n'inyerera **y** bikabyara **sh**.
Izo ntare **yarazishe**?: a-a-ra-zi-ic-ye ----> yarazishe
Uwiyishe ntaririrwa (umg): u-u- ø- iy-ic-ye ----> uwiyishe

3.9.13. **sh+y→sh:** iyo ingombajwi **sh** yiyunze n'inyerera **y** bibyara **sh**.
Barihishe: ba-ra-ii-hish-ye ----> barihishe.
Yaramunoshe: a-a-ra-mu-nosh-ye---->yaramunoshe

3.9.14. **j+y→j:** ingombajwi **j** yiyunga n'inyerera **y** bikabyara **j**.
Yarakonje ntakivuga: a-a-ra-konj-ye ----> yarakonje
Yakunje ipantaro arasimbuka: a-a-kunj-ye ----> yakunje
Nakanje igisheke nshira ibikatsi: n-a-kanj-ye ----> nakanje

Ibitabo byifashishijwe

BAKAME Editions. 2010. *Ikibonezamvugo cy'amashuri abanza n'ayisumbuye*. Kigali.

BIZIMANA, S. 1983. « La quantité vocalique en rwandais ». In : Jouannet, F. (ed.) *Le kinyarwanda : études linguistiques*, p.33-53. Paris : SELAF.

BIZIMANA, S. 1998. *Imitêerere y'îkinyarwaanda* I. Butare: IRST.

COUPEZ, A. 1980. *Abrégé de Grammaire Rwanda*, Tome 1,2. Butare : INRS.

MINEPRISEC 1990. *Ikinyarwanda : Ikibonezamvugo - Iyigantego (Inshoza y'inshinga)*. Kigali.

IRST. 2005. Inkoranya y'Ikinyarwanda mu Kinyarwanda no mu gifaransa. Tervuren, MRAC.

JOUANNET, F. 1983. « Phonétique et phonologie: le systeme consonantique du kinyarwanda ». In : Jouannet, F. (ed.) *Le kinyarwanda : études linguistiques*, p.55-73. Paris : SELAF.

MINEPRISEC. 1988. *Ikibonezamvugo cy'Ikinyarwanda: iyigantego n'iyigamajwi. Izina na ntera*. Kigali.

MUTAKE, T. 1990. *Iyigamajwi n'iyigamvugo*. Kigali. Régie de l'Imprimerie Scolaire.

OVERDULVE, C. M. 1988. *Précis de grammaire kinyarwanda*. Kabgayi

OVERDULVE, C. M., JACOB. I. 1998. *Twige Ikinyarwanda*. Kigali. Palloti Press.